KWITEGURA IBIZA:

Ibikeneye ubutabazi bwihutirwa bw'ababyeyi n'ubw'ishuri



Ituze n'umutekano by'abanyeshuri n'abakozi bacu ni nyambere muri Richmond Public Schools.

rvaschools.net

RPS
RICHMOND
PUBLIC SCHOOLS

Ibikubiyemo

Kwitegura ibiza: Ibikeneye ubutabazi bwihutirwa bw'ababyeyi n'ubw'ishuri

3 | Iriburiro

3 | Igikeneye ubutabazi bwihutirwa ni iki?

Kwitegura

4 | Ni iki ababyeyi bagombye gukora ngo bitegure ibikeneye ubutabazi bwihutirwa?

5 | Ni iki amashuri akora iyo habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirwa?

6 | Ibikorwa byo kwirinda ishuri rishobora gukoresha

8 | Ni iki ababyeyi bakora iyo habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirwa?

Amamenyekanisha y'ibikeneye ubutabazi bwihutirwa

10 | Ni gute ababyeyi bazamenyeshwa niba hari ikibazo kibaye ku ishuri habaye?

10 | Gukira nyuma y'ikiza

11 | Ku bindi bisobanuro

11 | Ikarita y'umubyeyi ahamagarwaho mu gihe habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirwa

KWITEGURA IBIZA:

IBIKENEYE UBUTABAZI BWIHUTIRWA BW'ABABYEYI N'UBW'ISHURI

Iriburiro

Umutuzo n'umutekano w'abanyeshuri n'abakozi bacu ni byo nyambere muri Richmond Public Schools (RPS). Aka gatabo karasobanura bumwe mu buryo bwateganyijwe kandi bukoreshwa mu gihe habaye ikintu gikeneye ubutabazi bwihutirwa ku ishuri ry'umwana wawe.

Abayobozi b'ikigo cy'ishuri bakorana mu buryo bwa hafi na polisi, abashinzwe kuzimya inkongi z'umuriro, serivisi z'ubutabazi bwihutirwa n'ibigo bishinzwe ubuzima bw'abaturage kugira ngo bizere ko habaho imigenzereze ikwiye kandi amashuri yose akaba yiteguye guhangana n'ibikenera ubutabazi bwihutirwa. Abakozi b'ingenzi bahugurwa mu mikorere ya National Incident Management System. Twiteguye gufatanya n'abatabazi mu gihe hagaragara ikibazo gikomeye muri rimwe mu mashuri yacu.

Gahunda yacu yimbitse y'ibikenera ubutabazi bwihutirwa yita ku bwoko bwinshi bw'ibibazo bishobora kubaho, atari ukubera ko twiteze ko biba, ahubwo ari ukubera ko dushaka ko tuba twiteguye Igihe bibaye. Ku bw'impamvu z'umutekano, amakuru yihariye ntabwo ashobora guhabwa abaturage; ariko, icyakora, ababyeyi n'abanyeshuri bafite uruhare runini kandi ni ingenzi ko umenya icyo wakora mu gihe habaye ibikenera ubutabazi bwihutirwa. Subiramo amakuru akubiye muri aka gatabo kugira ngo wizere ko wowe n'umwana wawe musobanukiwe neza imigenzerereze yo mu gihe habaye ibikenera ubutabazi bwihutirwa.

Ibikenera ubutabazi bwihutirwa ni ibiki?

Ibikenera ubutabazi bwihutirwa ni ikintu icyo ari cyo cyose kidateganyijwe gishobora gushyira mu kaga umutekano w'abanyeshuri cyangwa w'abakozi. Gishobora kuba ikintu icyo ari cyo cyose kiva ku kwangiza ibikoresho kugeza ku gikorwa cy'iterabwoba kandi gishobora kugira ingaruka ku mwana umwe, ishuri rimwe, cyangwa akarere k'amashuri kose. Abayobozi b'ishuri, ndetse rimwe na rimwe abatabazi, bazasuzuma uburemere bwa buri kibazo kandi bagene igikorwa gikwiye gukemura byihuse, mu mutuzo kandi mu buryo buboneye. Igenamigambi n'imyiteguro ihanitse bishobora kugabanya amakuba yo mu gihe icyo ari cyo cyose gikeneye ubutabazi bwihutirwa. Izi nyandiko zitanga amabwiriza ngenderwaho yo kwitegura, ibyo ababyeyi bagombye gukora, n'ibyo ishuri rizakora mu gihe habaye ibibazo bikenera ubutabazi bwihutirwa. Uburyo bw'itumanaho n'uburyo bwo gusezerera abanyeshuri na bwo buragaragazwa.

KWITEGURA

Ni ibiki ababyeyi bagombye gukora kugira ngo bitegure ibikenera ubutabazi bwihutirwa?

Ababyeyi bafite uruhare rutagereranywa mu gutegura abana babo mu bihe bikenera ubutabazi bwihutirwa. Ku rutonde ruri aha hasi hari bumwe mu buryo ushobora kubafasha gusobanukirwa ko mu gihe ku ishuri habaye ikibazo gikenera ubutabazi bwihutirwa, abarimu n'abayobozi b'ibigo by'amashuri batojwe gukemura icyo kibazo. Bizeze ko uzahamagarwa n'ishuri kandi ukongera guhita uhuzwa na bo vuba bishoboka umutekano ubyemera.

- Izere ko amakuru y'umwirondoro bagushakiraho mu gihe habaye ibikenera ubutabazi bwihutirwa aba ari yo agezweho kandi ari yo. Hita umenyesha serivisi y'ishuri ishinzwe kwakira abarigana Igihe cyose aderese yawe cyangwa akazi kawe, Nomero yawe ya terefone yo mu rugo cyangwa iya terefone yawe igendanwa ihindutse.

- Menyesha umuforomo w'ishuri uburwayi cyangwa ubumuga ubwo ari bwo bwose umwana wawe ashobora kuba afite cyangwa imiti umwana wawe ashobora kuba afata. Tanga ibikoresho bya ngombwa by'ubuvuzi n'imiti byo gukoresha buri munsi n'igikoresho cy'inyongera cyo gutwaramo umwana wawe mu gihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa. Niba hari ibibazo bijyanye n'ingano y'imiti cyangwa ibikoresho bikwiye, vugana n'umuganga w'umwana wawe.

- Garagaza uwemerewe gutwara umwana wawe niba udashobora gusubiza. Izere neza ko amakuru yabo y'umwirondoro bagushakiraho aba ari yo agezweho kandi ari ukuri, kandi ari kuri dosiye y'ishuri ryawe. Sobanukirwa ko umwana wawe azasezererwa akohererezwa ababyeyi n'abantu bagaragajwe ku rutonde rw'abahamagarwa mu gihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa. Ganira aya makuru n'umwana wawe.

- Izere neza ko umwana wawe azi izina, aderesi na numero za terefone by'umubyeyi cyangwa by'urera umwana. Niba hari umubyeyi cyangwa urera umana umwe gusa, umwana wawe yagombye Nomero y'umuntu mukuru wa kabiri ufite umushinzwe.

- Ganiriza mwana wawe ku kamaro ko gutuza no gukurikiza amabwiriza mu gihe habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirw. Niba ku ishuri habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirwa, umwarimu wabo azabaha amabwiriza n'amakuru akwiye.

- Bwira umwana wawe ko ashobora kwimurirwa ahandi hantu kugeza igihe ushobora kumutwara. Sobanura ijambo "guhungisha" kugira ngo batagira ubwoba bwo kwimurwa bavanwa mu ishuri ryabo. Igisobanuro cyoroshye cyo guhungishwa nigahunda yo kuvana abantu ahantu bari mu kaga babajyana ahantu hari umutuzo.

- Sobanura ko terefone zigendanwa zitagombye gukoreshwa mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa keretse iyo bitangiwe uburenganzira n'umwarimu. Abatabazi bazakoresha terefone ngendanwa kugira ngo bavugane. Niba abanyeshuri n'ababyeyi bagerageza kuvugana, imirongo ya terefone zigendanwa ishobora kugira ibibazo bw'abantu benshi bayikoresha, bikabangamira ubushobozi bw'abakozi bo mu butabazi bwo guhanahana amakuru y'ingenzi.

- Igihe cyose uri ku bibuga by'ishuri, komeza kuba maso ukurikirane ibikorwa bibera hirya no hino mu ishuri. Menyesha ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri igikorwa icyo ari cyo cyose ufitiye amakenga kugira ngo bushobore kugikoraho iperereza.

- Shyiraho gahunda y'umuryango yo kwitegura harimo gahunda y'itumanaho. Ibi bizagufasha kuvugana n'abagize umuryango bose mu gihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa.

- Mu gihe habaye ibikeneye ubutabazi bwihutirwa umwana wawe akaba adashobora kujya mu rugo iwabo, kora uko ushoboye habe hari ahandi hantu ashobora kujya kandi akaba ari mu mutuzo mu gihe ategereje ko hagira umwe mu bagize umuryango umutwara.

Ni ibiki ibigo by'amashuri bizakora mu gihe habaye ikibazo gikenera ubutabazi bwihutirwa?

Ibyo dukora mu gihe habaye ibikenera ubutabazi bwihutirwa biterwa n'umwihariko wa buri kibazo. Tuzakora ibishoboka byose kugira ngo amasomo akomeze, ndetse n'igihe byaba ngombwa ko ishuri rifunga. Bitewe n'uburemere bw'ikibazo cyangwa ibikeneye ubutabazi bwihutirwa, hashobora gufatwa izindi ngamba z'inyongera, zirimo gushaka icumbi, guhungisha abanyeshuri mu nyubako cyangwa gufunga ikigo cy'ishuri imburagihe.

Niba abatabazi bitabajwe aho hantu, tuzakorana na bo mu buryo bushyize hamwe kugira ngo tugene gahunda yagombye gushyirwa mu bikorwa. Gahunda z'ubutabazi bwihutirwa bw'ikigo cy'ishuri zitandukana bitewe n'ikigo cy'ishuri, bishingiye ku ngano y'ikigo cy'ishuri, imiterere y'inyubako n'ibindi bintu bifatika, kandi bugatangizwa bitewe n'ibirimo kuba mu gihe cy'icyo kibazo. Mu gihe buri kigo cy'ishuri cyashyizeho gahunda y'ibikorwa, aho ahantu ho guhungishiriza, ndetse na gahunda yo guhuza imiryango, izi gahunda zigomba gukomeza guhinduka uko ibihe bihinduka. Ababyeyi bazamenyeshwa tukimara gukora ibishoboka byose kugira ngo umutuzo w'abanyeshuri n'igihe bizadushobokera gutanga amakuru yizewe kandi yyafasha.

KWITEGURA

Ibikorwa byo kwirinda ikigo cy'ishuri gishobora gukoresha

Buri shuri rifite gahunda yo kwitegura ibikenera ubutabazi bwihutirwa birimo ibikorwa byinshi bishoboka. Igisubizo gitandukana, bitewe n'uburyo ndetse n'uko ibintu bimeze, kandi kigenwa n'itsinda rishinzwe gucunga no gukemura ibiza ryatojwe gufata ibyemezo nk'ibyo. Ni ngombwa ko ababyeyi basobanukirwa ko niba habayeho ikibazo gikomeye, abanyeshuri bazasezererwa bakohererezwa ababyeyi ari uko akaga kamaze kurangira. Ikigo cy'ishuri gishobora gukoresha ibikorwa byo kwirinda bikurikira:

- **Gufungai kigo cy'ishuri.** Gufunga ikigo cy'ishuri bishobora gukoreshwa kubera ibyabereye mu nyubako cyangwa kubera ko hari ikintu kirimo kubera hanze kandi polisi ikaba yemeje ko ari byo byiza kugira ngo yizere neza ko ikigo cy'ishuri kirinzwe. Intego yo gufunga ikigo cy'ishuri ni uguhagarika urujya n'uruza rw'abakozi n'abanyeshuri, no kurinda byimazeyo inyubako.

  Mu gihe cy'ifunga ry'ikigo cy'ishuri, inzugi zose z'imbere n'iz'inyuma ziba zifunze. Nta muntu n'umwe wemerewe kwinjira cyangwa gusohoka mu nyubako kugeza igihe abayobozi b'kigo cy'ishuri, akenshi baba bakorana na polisi, bazaba bagennye ko kubikora bitanga umutuzo. Abakozi bose, abanyeshuri bose n'abashyitsi bose bazajya batangwaho raporo kandi amasomo arakomeza. Igihe ifungwa ry'ikigo cy'ishuri rizamara gishingira ku mwihariko w'icyo kibazo, kandi gishobora kuba iminota mike cyangwa amasaha. Birashoboka ko ifungwa ry'ikigo cy'ishuri rishobora kubamo kugumana abanyeshuri kurenza umunsi w'amasomo usanzwe. Ntabwo ari intego yacu na rimwe kugumana abanyeshuri bitari ngombwa, kandi ntituzabikora usibye Igihe tugamije kubungabunga umutekano wabo.

  Ibintu bizasubira mu buryo busanzwe mu gihe bigaragaye ko kubikora bitanga umutekano. Ababyeyi bashobora cyangwa ntibashobora kumenyeshwa igihe ikigo cy'ishuri gifunzwe. Hari ibihe ikigo cy'ishuri rifungwa ku bw'imyitozo cyangwa amahugurwa, cyangwa ku kintu kibaye hanze ikigo cy'ishuri kidafitemo uruhare. Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri n'Umuyobozi ushinzwe umutuzo n'Umutekano bazagena igihe icyo kintu gifite uburemere buhagije kugira ngo bakimenyeshe ababyeyi.

- **Icumbi.** Iki gikorwa cyo kwirinda gitekerezwaho iyo hari ikibaye hanze y'ikigo cy'ishuri kandi abayobozi bakagena ingamba z'umutekano zikwiye kurusha izindi kugira ngo abanyeshuri n'abakozi bagume mu kigo cy'ishuri kugeza ibyabaye hanze bikemutse. Ingero zimwe na zimwe zishobora kuba imiterere y'ikirere, gusohora ibikoresho bishobora guteza akaga, cyangwa ibintu birimo kubera muri ako gace abana batagombye koherezwamo. Abanyeshuri bari hanze bazimurirwa imbere mu kigo cy'ishuri, harimo n'abanyeshuri bgira mu byumba by'amashuri cyangwa konteneri biri hanze y'ikigo cy'ishuri. Niba hakenewe icumbi kandi rishobora kurenza umunsi w'amasomo, ababyeyi bazahita bagirwa inama vuba bishoboka.

KWITEGURA

- **Guhungishwa.** Niba kugumisha abanyeshuri n'abakozi mu nyubako nta mutekano bitanga, ikigo cy'ishuri kizavanwamo Abakozi n'abanyeshuri bahungishwe. Abanyeshuri n'abakozi bashobora kuguma ku bibuga by'ikigo cy'ishuri kugeza igihe inyubako yongeye kugira umutekano kugira ngo bongere bacyinjiremo cyangwa bimurirwe ahantu hatekanye kure y'umutungo w'ikigo cy'ishuri, bitewe n'ibintu bitandukanye. Mu gihe habayeho kwimurirwa hanze y'ikigo cy'ishuri, abayobozi b'ikigo cy'ishuri bazakorana n'abashinzwe ubutabazi n'ishami rishinzwe gutwara abantu n'ibintu kugira ngo bimurire abanyeshuri ahantu hizewe. Aho ni ho abanyeshuri bazajyanwa mu rugo baturutse cyangwa bategereze ko abagize imiryango yabo baza kubatwara babakuye aho bagomba kongera guhurizwa na bo. Muri bumwe muri ubwo buryo, umuyobozi w'ishuri n'Umuyobozi ushinzwe itumanaho bazakora ku buryo ababyeyi babimenyeshwa.

- **Gufunga ikigo cy'ishuri mu buryo bw'ubutabazi bwihutirwa.** Ubu buryo buzabaho igihe abayobozi b'ikigo cy'ishuri bagennye ko abanyeshuri bagira umutekano ari uko bari mu rugo kuruta bari mu kigo cy'ishuri. Ibi bibaho akenshi bitewe no gutakaza ibikorwa cyangwa n'ibiza biturutse ku mihindagurikire y'ikirere. Ababyeyi bazamenyeshwa ko ikigo cy'ishuri (ibigo by'amashuri) rizafunga (bizafunga). Mu bihe bisanzwe, abanyeshuri basanzwe bagendera muri bisi bazajyanwa mu rugo kandi ababyeyi bazabimenyeshwa.

- **Kongera guhuriza abanyeshuri n'imiryango yabo ahantu hateganyijwe.** Abanyeshuri bimurirwa hanze igihe abayobozi b'ikigo cy'ishuri bagennye ko abanyeshuri n'abakozi batagomba kongera gusubira mu nyubako kugeza bigaragaye ko hari umutekano kuyinjiramo. Ahantu henshi hateganyijwe hanze y'ikigo cy'ishuri hagenwa mbere y'igihe, ariko ntihamenyeshwa ababyeyi kugeza habaye ikibazo. Abayobozi ba polisi n'ab'ikigo cy'ishuri bahitamo ahantu heza ho guhuririza imiryango igihe ikibazo kibaye bitewe n'uburyo ibikeneye ubutabazi bwihutirwa bibayemo. Ababyeyi bazamenyeshwa ahantu ho guhuriza imiryango bikigaraga ko bikwiye gukorwa. Ibyihutirwa by'ingenzi dushyira mu bikorwa ahantu ho kwimurira ni umutekano w'abanyeshuri no kubazwa ibyabo. Dushaka gukora uko dushoboye ngo abanyeshuri bashyikirizwe abantu babifitiye uburenganzira kandi hakazatangizwa uburyo bwo kubasohokana.

Mu gihe habayeho guhungishirizwa ahantu hari hanze y'ikigo cy'ishuri, ababyeyi bazahabwa amakuru abamenyesha aho aho hantu ho kongera guhurizwa hahererereye. Ababyeyi cyangwa abantu bakuru babiherewe uburenganzira bazasabwa kwerekana amafoto n'indangamuntu bibaranga kugira ngo batware umwana. Iyi gahunda ishobora gufata igihe kuko dushaka gukora ku buryo kongera guhuzwa bikorrerwa abantu babiherewe uburenganzira.

KWITEGURA

Ni ibiki ababyeyi bagombye gukora mu gihe habaye ikibazo gikeneye ubutabazi bwihutirwa?

Ibisubizo bifasha cyane kurusha ibindi ku babyeyi ku bibazo bikenera ubutabazi mu kigo cy'ishuri ni ugutuza no gutegereza amakuru mpamo yoherezwa kuri nomero yanditse ku rutonde rwihutirwa rw'umwana wawe ukoresheje Remind Messaging System (www.rvaschools.net/remind). Dusobanukiwe ko ari imiterere karemano y'ababyeyi gushaka kwihutira guhururira umwana wabo. Ni ingenzi ko usobanukirwa ko, mu gihe cy'ikibazo nk'icyo, ibigo by'amashuri n'abatabazi bakoze imyiteguro yo guhangana n'ibi bibazo. Ubufatanye bwawe mu bikeneye ubutabazi bwihutirwa ni ingenzi mu gushakira igisubizo gitekanye kandi cyihuse cy'iki kibazo.

- Ntuhamagare ikigo cy'ishuri. Ni ngombwa ko imirongo ya terefone ikomeza kuba ifunguye kugira ngo abayobozi b'ikigo cy'ishuri bashobore guhamagara mu bikeneye ubutabazi bwihutirwa. Niba abanyeshuri barwaye cyangwa bakomeretse, ababyeyi b'abo banyeshuri bazabanza kubimenyeshwa.

- Wijya ku kugo cy'ishuri. Nkuko twabyigiye ku bihe bikeneye ubutabazi byihutirwa bwo ku ishuri byatambutse, imwe mu mbogamizi zikomeye dufite ni uburyo bwo kuyobora no gucunga imbaga y'ababyeyi n'abaturage bireba bihutira kujya "gufasha." Iyo babikoze, ababyeyi bashobora guteza batabigambiriye uruvunganzoka rw'imodoka rushobora kubuza abatabazi kugera cyangwa kuva ahabereye ikibazo, igihe bibaye ngombwa kujyana abakozi cyangwa abanyeshuri bakomeretse mu bigo by'ubuvuzi mu buryo bw'ubutabazi bwihutirwa.

- Komeza utuze, ukurikize amabwiriza, kandi ufatanye n'abashinzwe umutuzo n'umutekano w'abaturage.

- Guma hafi ya terefone yashyizwe ku rutonde nka Nomero yawe ihamagarwa mu ghe cy'ubutabazi bwihutirwa.

- Shakisha amakuru agezweho ku byabaye ku rubuga rw'akarere kuri www.rvaschools.net.

KWITEGURA

- Sobanukirwa ko uburyo bwo gutwara abanyeshuri mu butabazi bwihutirwa butandukanye n'uburyo busanzwe bwo gutwara abanyeshuri bwa buri munsi. Mu gihe umenyeshejwe kuza gufata umwana wawe ku kigo cy'ishuri cyangwa ahagenewe kongera guhuriza abanyeshuri n'imiryango, itwaze ifoto n'indamuntu yawe. Niba ugomba kohereza undi muntu gufata umwana wawe, kora ku buryo aba ari umuntu wanditse ku rutonde rw'ikigo cy'ishuri nk'umuntu ubifitiye uburenganzira kandi afite ifoto y'indangamuntu. Umwana wawe ntazahabwa umuntu uwo ari we wese utabifitiye uburenganzira cyangwa udashobora gutanga umwirondoro n'ibimuranga bikwiriye.

- Kurikiza amabwiriza yo mu bihe by'ubutabazi bwihutirwa. Niba usabwe gufata umwana wawe, uzasabwa gukurikiza uburyo bwateganyijwe bwo bwo gusohoka mu bihe by'ubutabazi bwihutirwa. Uburyo bwo kongera guhuza abanyeshuri n'imiryango yabo bwashyizweho kugira ngo umutekano w'abanyeshuri bose ubungabungwe kandi ni ingenzi ko amabwiriza akurikizwa.

- Guma ahantu hagenewe ahahurizwa imiryango.

- Ihangane. Ni ingenzi ko gahunda yo kongera guhuza imiryango ikorwa mu buryo buteganyijwe kugira ngo tubashe kurinda no kumenya ibyabaye ku abanyeshuri bacu bose.

Ni gute ababyeyi bazamenyeshwa niba habaye ikibazo?

Icyo dushyize imbere ni ugukora ku buryo abanyeshuri bose bababa batekanye, ibyabayeho bizwi, kandi bakurikiranwa n'abantu bakuze. Mu maguru mashya bishobora gukorwa, Umuyobozi ushinzwe itumanaho azamenyesha amakuru ababyeyi ndetse n'abaturage. Akarere k'amashuri gafite ibitangazamakuru binyuranye bisomwa n'ababyeyi bizagenda bimenyeshwa, uko bibaye ngombwa, amakuru yuzuye kandi mpamo ahari.

1. Urubuga rwa RPS (www.rvaschools.net)
2. Amamenyesha y'ubutumwa bugufi bwibutsa bwanditse (itumanaho rya terefone igendanwa ry'ishami- no ku rwego rw'ikigo cy'ishuri)

Mu gihe habayeho ikibazo cy'ubutabazi bwihutirwa, ababyeyi barashishikarizwa gufungura imwe mu matereviziyo zikurikira nk'isoko y'inyongera y'amakuru:

- Channel 6 – CBS
- Channel 8 – ABC
- Channel 12 – NBC

Menya ko mu gihe amatereviziyo agamije gutangaza amakuru agezweho, ntidushobora kwemeza ko atanga amakuru yose mu buryo mpamo, n'ababyeyi/abarera abanyeshuri bagombye kubanza kugenzura imbuga zemewe rwa RPS zavuzwe haruguru.

Gukira nyuma y'ikiza

Abayobozi b'ikigo cy'ishuri basobanukiwe ko ikintu gihungabanya mu kigo cy'ishuri cyangwa mu baturage gishobora kugira ingaruka ku marangamutima y'abakozi no ku y'abanyeshuri. RPS ifite itsinda ryahuguwe ry'abajyanama, abashinzwe imibereho myiza y'abaturage, n'abashinzwe imenyabantu bashobora kugoboka ikigo cy'ishuri mu gihe na nyuma y'ikibazo gikomeye kugira ngo batange ubufasha. Niba hari amahirwe ko ikintu gikomeye kigira ingaruka ku marangamutima y'abakozi cyangwa y'abanyeshuri, itsinda ry'abatabazi rya RPS rifasha abagzweho ingaruka n'iki kibazo nyuma y'ibyabaye.

Ku bindi bisobanuro

- Ku bindi bisobanuro birebana na RPS Safety & Crisis Plan, hamagara Monica Fecht kuri mfecht@rvaschools.net.
- Visit www.rvaschools.net/schools-office/safety-and-security
- Ku makuru arebana na Safety & Crisis Plan y'ikigo cy'ishuri ry'umwana wawe, hamagara umuyobozi w'ikigo cy'ishuri.
- Reba uu rubuga kuira ngo ubone amakuru ku bikeneye ubutabazi bwihutirwa no kwitegura: www.ready.gov.

Ikarita y'umubyeyi y'ubutabazi bwihutirwa

Kugira ngo bikorohereze. Capa kandi uhine ikarita kugira ngo uzayikoreshe mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa.



RPS

RICHMOND

PUBLIC SCHOOLS

rvaschools.net